**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Ubuyobozi Bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda**
**Ishami rishinzwe Abakozi (JI Department)**
**P O BOX 85 KIGALI**

# ITANGAZO KU BIFUZA KWINJIRA MU NGABO Z'U RWANDA KU RWEGO RWA OFISIYE

1. Ubuyobozi bw'Ingabo z'u Rwanda buramenyesha Abanyarwanda bose bifuza kwinjira mu Ngabo z'u Rwanda ku rwego rwa Ofisiye ko kwiyandikisha ku turere no ku mirenge bizatangira tariki ya **8 Werurwe** kugeza ku ya **6 Mata 2025**.

2. Abahamagawe ni abo ku rwego rwa Ofisiye baziga mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare (Rwanda Military Academy-Gako). Abaziga mu mashami avugwa muri iri tangazo bazarangiza amasomo bafite impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza (A0) usibye abaziga mu ishami rya General nursing bazarangiza amasomo bafite impamyabumenyi ya A1.

3. Abiyandikisha ni abasore n'inkumi bujuje ibi bikurikira:

- Kuba uri Umunyarwanda
- Kuba ufite imyaka 18 kandi utarengeje 22
- Kuba wararangije amashuli 6 yisumbuye kandi ufite amanota akwemerera kujya muri Kaminuza y'u Rwanda
- Ufite ubuzima buzira umuze
- Kuba utarigeze uhamwa n'icyaha
- Kuba udakurikiranweho icyaha
- Kuba utarirukanwe burundu mu kazi ko mu butegetsi bwa Leta keretse warakorewe ihanagurwabusembwa
- Kuba utagaragara ku rutonde rw'ababujijwe kuba abakozi ba Leta
- Kuba uri indakemwa mu mico no mu myifatire
- Ufite ubushake bwo kwinjira mu Ngabo z'u Rwanda

4. Ibisabwa kugira ngo wemererwe kwiga mu ishuri Rikuru rya Gisirikare ni ibi bikurikira:
Mu mashami ya **General medecine, surgery** na **Pharmacy** amanota asabwa, ni A-B mu mashami ya PCB, BCG na MCB. Mu ishami rya **Mechanical Engineering**; amanota asabwa ni A-B mu ishami ya MCE, MPG na MPCo. Mu ishami rya **Computer Science and Software Engeneering**; amanota asabwa ni A-B mu ishami ya PCM, MPCo. Mu ishami rya **Mathematics** amanota asabwa ni A-C mu mashami ya MPG, PCM na MPCo. Mu ishami rya **Physics**, barasabwa kuba barabonye amanota A-C mu mashami ya MPG, PCM na MPCo. Mu ishami rya **Chemistry** bagomba kuba barabonye amanota A-C mu mashami ya PCB, BCG na MCB. Mu ishami rya **Biology** amanota asabwa ni A-C mu mashami ya PCB, BCG na MCB. Abifuza kwiga mu mashami ya **General Nursing, Radiology Technologists**, **Laboratory sciences, Anaesthesia, clinical psychology, medical imaging sciences** na **Dental Therapy** amanota asabwa ni A-C mu mashami ya PCB, BCG na MCB. Mu ishami rya **Law** amanota asabwa ni A-B mu mashami ya HEG, LFK, LKK, LKF, HEL, HGL na LEG. Mu ishami rya **Social and Military Science** barasabwa kuba barabonye amanota A-C mu mashami ya MEG, HEG, HGL, HEL, LEG hamwe n'abize TTC bafite amanota (A-B) 70% kujyana hejuru. Abize TVET amanota asabwa ni A-B.

5. Abiyandikisha basabwa kwitwaza ibi bikurikira:
- Indangamuntu.
- Icyemezo cy'amashuri wize kiriho umukono wa noteri
- Icyemezo cy' ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'ubuyobozi bw'umurenge

- Icyemezo cyo kuba utarakatiwe n'inkiko

6. Abiyandikishije bazakora ibizamini by'ijonjora kuva tariki ya 8 - 16 Mata 2025 saa mbiri za mu gitondo aha hakurikira:

**Intara y'Amajyaruguru:**

- Mu karere ka Gicumbi ni tariki ya 8 Mata 2025 kuri Sitade ya Gicumbi.
- Mu karere ka Burera ni tariki ya 9 Mata 2025 ku biro by'akarere.
- Mu karere ka Musanze ni tariki ya 10 Mata 2025 kuri Sitade Ubworoherane.
- Mu karere ka Gakenke ni tariki ya 11 Mata 2025 ku kibuga cy'umupira cya Ngando.
- Mu karere ka Rulindo ni tariki ya 12 Mata 2025 ku kibuga cya Gasiza.

**Mu mujyi wa Kigali:**

- Mu karere ka Nyarugenge ni tariki ya 8 Mata 2025 kuri Sitade ya Kigali i Nyamirambo.
- Mu karere ka Kicukiro ni tariki ya 9 Mata 2025 kuri Sitade ya IPRC Kicukiro.
- Mu karere ka Gasabo ni tariki ya 10 Mata 2025 kuri Sitade ya ULK.

**Mu ntara y'Amajyepfo :**

- Mu karere ka Nyamagabe ni tariki ya 8 Mata 2025 kuri Sitade ya Nyamagabe.
- Mu karere ka Nyaruguru ni tariki ya 9 Mata 2025 ku kibuga cy'umupira cya Ndago.
- Mu karere ka Gisagara ni tariki ya 10 Mata 2025 ku biro by'akarere.
- Mu karere ka Huye ni tariki ya 11 Mata 2025kuri Sitade ya Huye.
- Mu karere ka Nyanza ni tariki ya 12 Mata 2025 kuri Sitade i Nyanza.
- Mu karere ka Ruhango ni tariki ya 14 Mata 2025 ku biro by'akarere.
- Mu karere ka Muhanga ni tariki ya 15 Mata 2025 kuri Sitade ya Muhanga.
- Mu karere ka Kamonyi ni tariki ya 16 Mata 2025 ku biro by'akarere.

**Mu ntara y'Uburasirazuba :**

- Mu karere ka Kirehe ni tariki ya 8 Mata 2025 ku biro by'akarere ka Kirehe.
- Mu karere ka Ngoma ni tariki ya 9 Mata 2025 I Ngoma ku kibuga cy'umupira.
- Mu karere ka Nyagatare ni tariki ya 10 Mata 2025 ku kibuga cy'umupira cya Nyagatare.
- Mu karere ka Gatsibo ni tariki ya 11 Mata 2025 ku biro by'akarere ka Gatsibo.
- Mu karere ka Kayonza ni tariki ya 12 Mata 2025 ku biro by'akarere ka Kayonza.
- Mu karere ka Rwamagana ni tariki 14 Mata 2025 ku biro by'akarere i Rwamagana.
- Mu karere ka Bugesera ni tariki ya 15 Mata 2025 ku kibuga cy'umupira cya Bugesera (Sitade).

**Mu ntara y'Uburengerazuba:**

- Mu karere ka Rusizi ni tariki ya 8 Mata 2025kuri Sitade ya Rusizi.
- Mu karere ka Nyamasheke ni tariki ya 9 Mata 2025 ku biro by'akarere.
- Mu karere ka Karongi ni tariki ya 10 Mata 2025 ku biro by'akarere.
- Mu karere ka Rutsiro ni tariki ya 11 Mata 2025 kuri Sitade ya Rutsiro.
- Mu karere ka Rubavu ni tariki ya 12 Mata 2025 kuri Sitade ya Rubavu.
- Mu karere ka Nyabihu ni tariki ya 14 Mata 2025 mu kigo cya gisirikare Mukamira.
- Mu karere ka Ngororero ni tariki ya 15 Mata 2025 kuri Sitade Ngororero.

7. Iri tangazo kandi mushobora kurisoma ku rubuga rwa Minisiteri y'Ingabo www.mod.gov.rw.

Bikorewe Kigali, ni tariki ya 5 Werurwe 2025

**Lambert SENDEGEYA**
**Colonel**
Umuyobozi Mukuru Ushinzwe
Abakozi mu Ngabo z'Igihugu (RDF)

RWANDA DEFENCE FORCE HQ - OFFICE OF THE CHIEF J1